Nyagatare kuwa 29/04/1998.

**REPUBULIKA YU RWANDA**
**PEREFEGITURA Y'UMUTARA**
**TEL/FAX: 65206.**

Bwana Burugumesitiri
wa Komini MURAMBI.

Innocent
Avis!
18.05.98

A traiter par ...
Date entrée : 13.05.98
N° Classement : 2000/21

**IMPAMVU**: Ihagarikwa rya Bwana John Willis GAKWAYA.

Mw'ibaruwa N° 457/05.01.02 yo kuwa 15/4/1998, Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere ya Komini no Gutuza Abantu yatwandikiye ku mpamvu iri hejuru, aravuga ko mw'ibaruwa N° 006/21-00 yo kuwa 7/1/1998 Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Sporo, Umuco no Kwigisha imyuga iciriritse yagusabye gutanga impamvu yatumye uhagarika uwaruhagarariye iyo Minisiteri muri iyo Komini Bwana John Willis GAKWAYA kugeza ubu ukaba nta gisubizo uratanga.

Usabwe gutanga impamvu vuba natwe ukabitumenyesha.

Murakoze.

Perefe wa Perefegitura y'Umutara.

KAYIRANGA Alfred RWASA.

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE UMUTARA

**BIMENYESHEJWE**:

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Amajyambere ya Komini no Gutuza Abantu.
  **I KIGALI**.
- √ Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Sporo, Umuco no Kwigisha imyuga iciriritse.
  **I KIGALI**.

Projet éducation
29/7/97

**REPUBLIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y URUBYIRUKO,**
**UMUCO, SIPORO NO KWIGISHA**
**IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P 1044-KIGALI**

K'Umuyobozi w'Imirimo muri Minisiteri
Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciciritse
( bose )

**IMPAMVU** : Kumenyesha Imirimo mishya
TWAGIRAYEZU Innocent
ashinzwe

Bwana Muyobozi,

Mbandikiye mbamenyesha ko TWAGIRAYEZU Innocent umukozi wakoreraga mu buyobozi bw'Urubyiruko ubu yahinduriwe imirimo akaba akorera mu biro by'Umunyamabanga Mukuru wa Minisiteri. Ashinzwe imirimo ikurikira :

- Kwakira abashyitsi batari ngombwa kubonana n'Umunyamabanga Mukuru.
- Gukurikirana dossier zikorerwa mu buyobozi kugirango zihutishwe.
- Gukora raporo z'amanama Umuyobozi Mukuru akorana n'Abayobozi b'Imirimo cyangwa n'abandi bakozi
- Gutegura amabaruwa Umuyobozi Mukuru agomba gusinya.
- Kumenya ibiro by'umuyobozi mukuru mugihe adahari no gusubiza ibibazo byoroheje
- Kwakira no guhuza ibikorwa byose by'abakozi ba Minisiteri bakorera mu maperefegira.

Mugire akazi keza.

Umunyamabanga mukuru muri
Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco,
Siporo no kwigisha imyuga iciritse

KABANDANA Ma[illegible]

[illegible]
Secrétaire Général
MIJESCAFOP

République Rwandaise – Ministère de la Jeunesse, des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle

Fax reçu de : 00250 73797
23-JUN-97 LUN 18:12 MINAFET:DIRPROTOCOLE

16/05/97 07:39 Pg: 1
00250 73797 P.01

Reçu le 23/6/97

Kigali, 23/10/1997
Nº 687- /06.01/CAB

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA
N'UBUTWERERANE
B.P. 179 KIGALI
*Cabinet du Ministre*

Dir Protétat
Kumenyesha (aviser) Bwana Diregiteri RUTAZIBWA Bernardin
CA 23/6/97

Bwana Bernardin RUTAZIBWA
Diregiteri w'iby'Umuco
muri Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco,
Siporo no Kwigisha Imyuga Iciriritse
KIGALI

**IMPAMVU:**
Kuyobora imihango y'Ibirori
ku ya 04/07/1997

Bwana Diregiteri,

Nk'uko twabyumvikanyeho na Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco, Siporo no kwigisha Imyuga Iciriritse kuwa gatanu taliki ya 20/06/1997;

Dushingiye ku buryo twabonye uyobora imihango y'ibirori byagiye biba hano mu gihugu ku minsi mikuru inyuranye irebana n'iby'Umuco;

Nejejwe no kukumenyesha ko ari wowe uzayobora imihango y'ibirori byo ku itariki ya 04/07/1997 (Maître des cérémonies/Master of Ceremonies).

Ukibona iyi baruwa usabwe gufata contact na Diregiteri wa Protokole ya Leta kugira ngo ujye mu manama yose y'itegurwa ry'uriya munsi mukuru, amanama ahuriweho na za Minisiteri zinyuranye mu rwego rwa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe gutegura ibirori nka biriya by'umunsi mukuru ureba igihugu cyose.

Tukwifurije gutunganya uwo murimo neza, kandi ugire amahoro.

**Anasitazi GASANA**
Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
n'Ubutwererane

**Bimenyeshejwe**
-Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco, Siporono kwigisha Imyuga Iciriritse
KIGALI

**MINISTERE DE LA JEUNESSE, DE LA CULTURE, DES SPORTS ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE**

B.P. 1044 KIGALI
Tél : 8 3527
Fax : (250) 8 3518

Kigali, le 12.06.97

N° 570/21.02

Monsieur le Directeur Général
de la Banque de KIGALI

**KIGALI**.-

**Objet** : Changement d'adresse (compte n° 040-0040380-61/RWF)

Monsieur le Directeur Général,

J'ai l'honneur de vous faire savoir que le Projet RWA/ 95/ B15 dont le compte est domicilié dans votre banque n'est plus du ressort de l'ex MINESUPRES : il relève maintenant du Ministère de la Jeunesse, de la Culture, des Sports et de la Formation Professionnelle.

Je voudrais donc vous demander d'acheminer dorénavant toute la correspondance relative à ce compte à la B.P 1044 KIGALI et non au 624 comme avant.

Veuillez agréer, Monsieur le Directeur Général, l'expression de ma considération distinguée.

Docteur Jacques BIHOZAGARA

Ministre de la Jeunesse, de la Culture,
des Sports et de la Formation Professionnelle.

p.o.

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse et des Mouvements Associatifs